# Kinyarwanda

# PK

**04/11/2015 01.30-03.30PM**

Rwanda Education Board

**Inomero yuzuye y'umunyeshuri**

| *Intara/Umujyi* | *Akarere* | *Umurenge* | *Ishuri* | *Umunyeshuri* |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |

**Amazina y'umunyeshuri:**

**Izina ryawe bwite:** ...........................................

**Andi mazina yawe**: ...........................................

**Icyitonderwa** :

INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE **BIGOMBA** KWANDIKWA NK'UKO BIGARAGARA KURI "REGISTRATION FORM".

*Fold from here*

**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA, 2015**

**KINYARWANDA**

## Igihe kimara : Amasaha abiri

**Amanota :** /100

**AMABWIRIZA :**

1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2) Iki kizamini kigizwe n'ibibazo 22 kandi iyi kayi y'ibibazo igizwe n'amapaji 8. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye n'amapaji yose ahari.
3) Ikizamini kigizwe n'ibice bibiri:

   **IGICE CYA MBERE**: Umwandiko n'imiterere y'ururimi **(Amanota 85)**

   **IGICE CYA KABIRI**: ihangamwandiko **(Amanota 15)**
4) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5) Gusiribanga no guhindagura ibisubizo ntibyemewe.
6) Birabujijwe kugaragaza umwirondoro wawe ahatabugenewe.
7) Ukurikize amabwiriza ari ku bibazo.

Fold from here

[redacted]

Fold from here

**ICYUBAHIRO MU NGAGI**

Ingagi n'ubwo zitazi kuvuga no kwandika ngo zisobanure amategeko azigenga mu mvugo cyangwa mu nyandiko, abitegereje imibereho yazo basanze zitabaho mu buryo bubonetse bwose. Zaba mu gatsiko cyangwa mu muryango, ingagi zimenyamo inkuru n'intoya kandi intoya ikubaha inkuru.

Ingagi y'ingabo iruta izindi mu myaka ni yo iba umukuru w'umuryango. Ubwo ishobora kuba irengeje imyaka mirongo ine. Iyo ishaje cyane itagishoboye kuyobora izindi, ingabo yindi isheshe akanguhe iyakira uwo murimo. Ikaba yazitegeka kwimuka nk'iyo aho zabaga hatakiboneka ibyo kurya cyangwa se hatangiye kuboneka abahigi benshi. Ingore na zo zirubahana ku buryo ingore imwe ishobora kuyobokwa n'izindi.

Nanone nk'uko tuvuga ko umuntu ari we wihesha agaciro n'icyubahiro, ingagi na zo ni ko zibibona. Umutware wazo kugira ngo yubahwe ni uko aba ayobora neza, akamenya no gutabara ingagi zaguye mu mutego, akamenya kongera umubare w'ingagi zigize agatsiko, cyane cyane areshya ingore zo mu tundi dutsiko, zikaba zakwiyizira iwe, akagira n'igitsure gituma yakiza nk'izirwanye cyangwa izenderanyije. Ngo hari ubwo zenderanya zigashaka kurwana kandi wenda zatangiye zikina nyamara zabona inkuru muri zo cyangwa umutware wazo azirebye ikijisho zikamwara zikabireka.

Hari ibindi byinshi ingagi zifite bitangaje, nko kubabazwa n'urupfu rwa mugenzi wazo, kurwaza umurwayi zikirinda kumusiga wenyine, kwisokoza ubwoya, cyane cyane ingore zishaka kureshya ingabo, guheka abana bazo mu mugongo, guseka iyo zishimye n'ibindi.

Ubushakashatsi bwakozwe mu mwaka wa 2010 bwagaragaje ko agace k'ibirunga karimo ingagi 480. Izi ngagi zigenda ziyongera buri mwaka kandi izavutse zihabwa amazina mu muhango wo "Kwita Izina". Uyu muhango ni kimwe mu bikorwa bikurura ba mukerarugendo bazanira u Rwanda amadovize. Ubukerarugendo buri ku mwanya wa mbere mu bizamura ubukungu bw'igihugu. Ku mafaranga ava mu bukerarugendo, atanu ku ijana (5%) ashyirwa mu bikorwa biteza imbere abaturage baturiye za Pariki mu rwego rwo kuzirinda ba rushimusi n'ibindi bikorwa bishobora kuzangiza. Abo baturage bafashwa kandi mu bikorwa bituma ba mukerarugendo babona ibyo bagura mu bukorikori.

Ubukerarugendo bw'u Rwanda, by'umwihariko ingagi zo mu birunga, ni inkingi ikomeye y'ubukungu bw'u Rwanda mu kwinjiza amadovize menshi mu gihugu.

**IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO N'IMITERERE Y'URURIMI (AMANOTA 85)**

**I. KUMVA UMWANDIKO (AMANOTA 29)**

1) Ni iyihe ngagi itegeka izindi? **(inota 1)**

..........................................................................................

2) Ingagi zisimburana ryari ku murimo wo gutegeka izindi?

Andika interuro ibitubwira ukuye mu mwandiko. **(amanota 2)**

..........................................................................................

..........................................................................................

..........................................................................................

3) Garagaza ukuntu ingagi zijya kugira imico nk'iy'abantu. **(amanota 3)**

..........................................................................................

..........................................................................................

..........................................................................................

4) Ni ryari ingagi itegeka izindi ishobora kuzitegeka kwimuka? **(amanota 2)**

..........................................................................................

..........................................................................................

5) Ni ibihe bimenyetso dusanga mu mwandiko bigaragaza ingagi

iyobora neza? **(amanota 2)**

..........................................................................................

..........................................................................................

..........................................................................................

6) Ni iki kigaragaza ko pariki zigirira akamaro abazituriye? **(inota 1)**

..........................................................................................

..........................................................................................

..........................................................................................

7) Usibye pariki y'Ibirunga ni izihe pariki zindi dusanga mu Rwanda? **(amanota 2)**

..........................................................................................

..........................................................................................

8) Nyuma y'ubukerarugendo ni iki gishobora kuzanira u Rwanda

amadovize? **(inota 1)**

..........................................................................................

**9) Subiza "*nibyo*" cyangwa "*sibyo*" ukurikije ibivugwa mu mwandiko.** **(amanota 5)**

(a) Ingagi zibaho mu buryo bubonetse bwose. ☐

(b) Ingagi zibaho mu miryango itandukanye. ☐

(c) Kimwe mu bituma ingagi zimuka ni ubukonje bwinshi. ☐

(d) Ubukerarugendo bugira uruhare runini mu kwinjiza amadovize. ☐

(e) Umuhango wo kwita izina ingagi ukorwa buri myaka itanu. ☐

**10) Simbuza amagambo ari mu dukubo andi bisobanura kimwe ari mu mwandiko** **(amanota 5)**

(a) Ingagi z'ingore zisokoza ubwoya kugira ngo (zikurure) ingagi z'ingabo.

..............................................................................................

(b) Ubushakashatsi (bwerekanye) ko ingagi zibaho ku buryo butangaje.

..............................................................................

(c) Ubukerarugendo ni (ishingiro) ry'ubukungu bw'u Rwanda.

..............................................................................................

(d) Mu biranga ingagi harimo (kwita) ku murwayi zigaragaza ko zifatanyije na we. ..............................................................................................

(e) Iyo ingagi y'umutware ishaje isimburwa n'indi (ikuze itangiye gusaza) kuri uwo murimo.

..............................................................................................

**11) Andika imbusane z'amagambo ari mu dukubo:** **(amanota 5)**

(a) Ingagi iyo ishaje (cyane) iba (itagishoboye) kuyobora izindi.

cyane ≠ ........................................................................

itagishoboye ≠ .............................................................

(b) Umuntu (ni) we (wihesha) agaciro n'icyubahiro.

ni ≠ ..............................................................................

wihesha ≠ .....................................................................

(c) Ingagi ni inyamaswa z'(inyamahoro).

inyamahoro ≠ ...............................................................

## II. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (AMANOTA 19)

12) Tanga inyito eshatu (3) zinyuranye z'ijambo "gutera". **(amanota 3)**

..................................................................................................

..................................................................................................

..................................................................................................

**13) Uzuza iyi migani y'imigenurano:** **(amanota 5)**

(a) ...........................................................agatukisha bose.
(b) Inyana ni iya ................................................................
(c) Utazi ubwenge ...........................................................
(d) ...............................................................muratabarana.
(e) Akabura ntikaboneke ni ..................................................

**14) Ica ibisakuzo bikurikira : Sakwe sakwe!!!** **(amanota 5)**

(a) Intara za nyirabangana zingana zose: ................................
(b) Abana banjye bangana bose: ...............................................
(c) Nagutera icyo utazi utabonye: ............................................
(d) Sakuza n'uwo muri kumwe: ..................................................
(e) Nkubise urushyi rurumira:......................................................

**15) Uhereye ku mwandiko n'ubumenyi bwawe bw'ururimi, uzuza ukoresheje amagambo asobanura kimwe n'ayatanzwe:** **(amanota 6)**

(a) Ingoma ntiyikorerwa ahubwo ...................................................
(b) Uburiri bw'umwami bwitwa ......................................................
(c) Uduti bakoresha bavuza ingoma ni ..........................naho abavuza ingoma bo bitwa ..........................................................................
(d) Igisabo ntabwo bakimanika ahubwo ...........................................
Umubanji ni amata ......................................................................

## III. IKIBONEZAMVUGO (AMANOTA 26)

**16) Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo.** **(amanota 6)**

(a) <u>Abashakashatsi</u> basanze ingagi zibaho <u>mu</u> buryo <u>butangaje</u>.
abashakashatsi:.........................................................
mu: ..........................................................................
butangaje: ................................................................

(b) Nyiramacibiri ni umwe mu bagize uruhare runini mu kwita ku buzima bw'ingagi.
Nyiramacibiri: ..................................................................
umwe:...................................................................................
runini ................................................................................

**17) Garagaza uturemajambo tw'amagambo akurikira n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe:** **(amanota 7)**

(a) impundu: ............................................................................
(b) inzembe: .............................................................................
(c) inzovu: ................................................................................

**18) Andika inteko z'aya mazina aciyeho akarongo:** **(amanota 7)**

(a) Ingagi iruta izindi mu myaka ni yo iba umukuru w'umuryango.
ingagi:......................................................................................
umukuru:..................................................................................
umuryango:...............................................................................

(b) Ingagi z'ingore zisokoza ubwoya kugira ngo zikurure iz'ingabo.
ubwoya:...................................................................................
ingabo: ...................................................................................

(c) Ubusanzwe umuntu ni we wihesha agaciro n'icyubahiro.
agaciro: ................................................................................
icyubahiro: ..............................................................................

**19) Shyira amagambo akurikira mu matsinda ahuje ubutinde n'amasaku :** **(amanota 6)**

| | | |
|---|---|---|
| - kubera | - igisabo | - amahundo |
| - ingagi | - amaraso | - kuganya |
| - umutobe | - kubaga | - ukuboko |
| - umugati | - gusara | - ibyago |

| Itsinda rya 1 | Itsinda rya 2 | Itsinda rya 3 | Itsinda rya 4 |
|---|---|---|---|
| .................... | ...................... | ...................... | ..................... |
| .................... | ...................... | ...................... | ..................... |
| .................... | ...................... | ...................... | ...................... |

## IV. IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA (AMANOTA 11)

**20) Kosora izi nteruro aho zanditse nabi :** **(amanota 9)**

(a) abanyeshuli bavuye mw'ishyamba ni mugoroba.

..............................................................................................

..............................................................................................

(b) Nzagusanga i muhira ejo bundi n'ijoro satatu.

..............................................................................................

**21) Andika amagambo abiri (2) arimo igihekane "ntw".** **(amanota 2)**

..............................................................................................

## IGICE CYA KABIRI: IHANGAMWANDIKO (AMANOTA 15)

22) Urangije umwaka wa 6 w'amashuri abanza, andikira umuyobozi w'ikigo umusaba umwanya mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye ku kigo ayobora.

Icyitonderwa: *Andika mu mazina ya BYISHIMO Mahoro Zakariya wandikira umuyobozi w'Urwunge rw'Amashuri rwa Gataba kandi wirinde kurondogora.*